



ICYICARO GIKURU CYA KILIZIYA GATOLIKA KU ISI

**UBUTUMWA NYIRUBUTUNGANE PAPA FRANSISKO YAGENEYE ABAKRISTU
KU MUNSI MPUZAMAHANGA WA 52 W'AMAHORO**

KU WA 1 MUTARAMA 2019

Ubuyobozi bwiza buharanira amahoro

1. “Amahoro kuri iyi nzu !”

Igihe Yezu atumye abigishwa be, yarababwiye ati “*Urugo rwose mwinjiyemo, mubanze muvuge muti ‘Amahoro kuri iyi nzu!’ Nihaba umuntu w’amahoro, amahoro yanyu azamusakaraho; nahabura azabagarukira.*” (*Lk 10, 5-6*).

Ubutumwa bw’ibanke Yezu Kristu yabajaye ni ubwo gutanga amahoro. Ayo mahoro ahabwa buri wese uyanyotewe, uri mu byago no mu ntambara byakunze kuranga amateka y’isi. “Inzu” ivugwa na Yezu, ni buri muryango, buri kominote, buri gihugu, buri mugabane, mu mwihariko wa buri cyose mu mateka yacyo; ariko mbere ya byose ni buri muntu nta vangura iryo ari ryo ryose. Ni n’isi Imana yaduhaye kandi idusaba kuyibungabunga.

Bavandimwe nkunda,

Mu ntangiriro z’uyu mwaka wa 2019, nimunyemere nanje mbasuhuze nsubira muri aya magambo ya Yezu Kristu nti “Amahoro kuri iyi nzu !”.

2. Ingorane ubuyobozi buhura na zo mu guharanira amahoro

Amahoro ni nka cya cyizere kivugwa n’umusizi Charles Péguy; ni nk’ururabo rudakomeye rushaka kuranda hagati y’amabuye atarworoheye . Birazwi neza ko iyo abantu bashaka kugera ku buyobozi byanze bikunze bashobora kugira abo bahutaza cyangwa barenganya. Politiki ikwiye gushyira imbere imibereho myiza y’abaturage. Nyamara iyo abayobozi badakoresheje imyanya bafite mu gukorera abaturage bose bashinzwe kuyobora, Politiki ishobora guhinduka intwaro ikoreshwa mu gutsikamira abandi, kubaheza ndetse no gusenya.

Yezu aratubwira ati « *Ushaka kuba uwa mbere, azigire uwa nyuma muri bose, abe n’umugaragu wa bose* » (*Mk 9, 35*). Papa Pawulo wa 6 na we yunzemo ati : « *Kuyobora neza ku nzego zose, urw’ibanke, urw’akarere n’urw’isi bijyana no guha buri wese umwanya*

n'ubwisanzure bimukwiye kugira ngo agaragaze akamaro afitiye aho atuye, igihugu cye ndetse n'isi yose ».

Mu by'ukuri, abahawe kuyobora no kugenga ibihugu bakunze kugorwa no kumva ko bagomba gukora ibishoboka byose ngo barengere abaturage babo kandi baharanire ko buri wese agira uruhare mu iterambere. Ubuyobozi buramutse bushyize imbere ubuzima bwiza kuri buri wese, bugaha buri wese ubwisanzure n'agaciro akwiye nk'umuntu, abantu babana mu rukundo ruhebuje.

3. Ubuyobozi buharanira uburenganzira bwa muntu n'amahoro burangwa n'urukundo n'imigenzo myiza.

Papa Benedigito wa 16 yaravuze ati « *Buri mukristu akwiye kurangwa n'urukundo mu byo akora byose no ku rwego rw'ubuyobozi ari ho rwose. [...]. Iyo ubuyobozi bumurikiwe n'urukundo, guharanira inyungu rusange ntibiba bikiri umutwaro nko mu buyobozi bundi busanzwe. Ubuyobozi bushingiye ku rukundo butuma buri wese agira uruhare mu kubaka umuryango mutagatifu twese twifusa kubamo. »*

Uyu ni wo murongo abayobozi abo ari bo bose bakwiye guhurizaho. Niba bashaka gukorera hamwe mu guharanira inyungu rusange, bagomba kurangwa n'indangagaciro z'umuyobozi mwiza ari zo : ubutabera, ukudasumbanya abantu, kubaha buri wese, ukuri, ubudahemuka, n'ubunyangamugayo. Ibi binteye kwibuka za « ngingo nterahirwe mu buyobozi » zatangajwe na karidinali Fransisko Saveri Nguyễn Văn Thuận wo muri Viyetinamu, witabye Imana mu w'2002, wabaye umuhamya nyakuri w'Ivanjili :

Arahirwa umuyobozi uzi neza inshingano ze ;
Arahirwa umuyobozi ufite imyitwarire ituma agirirwa icyizere ;
Arahirwa umuyobozi ushyira imbere inyungu rusange;
Arahirwa umuyobozi uhuza imvugo n'ingiro ;
Arahirwa umuyobozi uharanira ubumwe ;
Arahirwa umuyobozi uhora ashaka impinduka ;
Arahirwa umuyobozi uzi gutega amatwi abandi ;
Arahirwa umuyobozi utagira ubwoba.

Buri gihe uko umuyobozi atowe cyangwa ahawe umwanya wo gukomeza gukorera abaturage, bikwiye kumubera umwanya wo kwisuzuma akareba niba aharanira ubutabera kandi akurikiza amategeko. Ntidushidikanya ko ubuyobozi butuma habaho amahoro, kuko buba bwubaha uburenganzira bw'ibanze bwa muntu, bugaha buri wese umwanya wo gusohoza inshingano ze kandi bugatuma habaho ubumwe, kumenyana no kwizerana hagati y'abantu bose.

4. Imigenzereze mibi mu buyobozi

Nubwo tumaze kubona indangagaciro z'ubuyobozi bwiza, ntibibuza ko habaho abayobozi barangwa n'imigenzereze mibi biturutse ku bushobozi buke, bayishowemo n'abandi se cyangwa bitwaje urwego bariho. Mu by'ukuri, iyo migenzereze mibi ituma ubuyobozi butakarizwa icyizere bigatuma igitsure cy'ubutegetsi, ibyemezo n'ibikorwa by'abayobozi

bitagira agaciro. Imigenzereze mibi y'ubuyobozi ibangamira ihame rya demokarasi, igatuma abayobozi basuzugurwa kandi abantu ntibabe bagishyize hamwe. Iyo tuvuze imigenzereze mibi tuba dutekereza kuri ruswa z'ubwoko bwose, kwikubira umutungo rusange, guhindura abandi ibikoresho, kuba abantu uburenganzira bwabo, kutubahiriza amabwiriza rusange, kwigwizaho imitungo mu buryo bunyuranyije n'amategeko, gushaka kumvisha abandi witwaje ubuyobozi, gushaka kugundira ubutegetsi, kuvangura abantu hashingiwe ku nkomoko cyangwa ku bwoko, kwanga gusigasira isi dutuyemo twese, kwangiza ibidukikije hagamijwe kubona indonke yihuse no gusuzugura abimukira.

5. Ubuyobozi bwiza bufatanya n'urubyiruko kubaka ahazaza heza

Iyo ubuyobozi bushyize imbere inyungu z'agatsiko k'abantu bamwe gusa, abasigaye babona nta ho bagana, bigatuma nk'urubyiruko rushobora kugwa mu mutego wo kutagira icyo rwitaho, kubera ko ruba rusanga rwarahejwe, rudahabwa umwanya wo kugira uruhare mu gutegura ejo hazaza. Iyo ubuyobozi burangwa no gukuza impano ziri mu rubyiruko no kurufasha kunoza ibyo rushoboye, amahoro araganza kuko buri wese aba afite icyizere cy'ahazaza he. Bituma abantu bizerana kuko umwe aba yibwira atti "ndakwizeye kandi ndemera" ko duhuza imbaraga mu guharanira inyungu rusange. Iyo ubuyobozi bufashe uwo murongo wo guha agaciro impano za buri wese n'ubushoboz bwe, buba isoko y'amahoro. "Ni iki cyaruta ikiganza kirambuye? Cyatanzwe n'Imana kugira ngo cyakire kandi gitange. Imana ntiyakiremeye kwica (reba Intg 4, 1) cyangwa kugira uwo kibabaza, ahubwo yakiremeye kwita ku bandi no kubafasha kubaho. Ku rwego rumwe n'umutima n'ubwenge bwacu, ikiganza na cyo gishobora gutuma abantu bahura bagashyikirana».

Buri wese ashobora kuzana ibuye rye kugira ngo twubake isi yacu. Ubuyobozi bwiza, bushingiye ku kubahiriza amategeko kandi buharanira guhuriza abantu mu mushyikirano nyakuri butuma habaho impinduka igithe cyose bufasha buri muntu kubona ko mugenzi we yifitemo imbaraga n'ubushake byabageza kuri izo mpinduka. Ntibyoroshye ariko ko abantu bizerana kubera ko imibanire hagati yabo igoye. Muri ibi bihe byo ni ibicika. Abantu babayeho mu mwuka wo gusuzugurana no kwishishanya bitewe no kubona undi nk'umunyamahanga ndetse n'umujinya wo kubura amaronko bamwe bari biteze. Byagera mu buyobozi, tugasanga harimo kwifungirana no gushyira inyungu bwite z'ibihugu imbere ku buryo burenze, ibyo bikabangamira ubwo buvandimwe isi yacu ikeneye cyane.

Muri iki gihe, by'umwihariko, sosiyete zacu zikeneye cyane abantu batera amahoro, bashobora kuba intumwa n'abahamya b'ukuri b'Imana Data, ishakira buri wese ineza n'umunezero mu muryango wa muntu.

6. Twamagane intambara n'iterabwoba

Muri iki gihe turibuka urubyiruko rutabarika n'imiryango yatikiriye mu ntambara ya mbere y'isi yose mu myaka 100 ishize. Ni umwanya ukomeye cyane wo kurushaho kuzirikana ku isomo dukura mu ntambara zigenda ziba hagati y'abavandimwe: Amahoro ntatangwa no kugira imbaraga cyangwa gutera ubwoba. Iyo utera abandi ubwoba uba ushatse kubahindura ibikoresho byawe no kubatesha agaciro. Ni yo mpamvu nongeye guhamya ko iterabwoba no kwigwizaho intwaro za kirimbuzi bibangamiye cyane ubupfura n'umubano mwiza mu bantu.

Iterabwoba rituma abanyantege nke bamwe bahunga bakajya gushaka aho baba mu mahoro. Imbwirwaruhame z'abayobozi zisa n'izishinja abimukira ibibi byose zigatuma abakene batakaza icyizere cy'ubuzima ntizikwiye. Ahubwo igikenewe ni ugushimangira ko amahoro ashingira ku kubaha buri muntu wese utitaye ku mateka ye, ku kubaha uburenganzira bwa buri wese ku mutungo rusange, kubaha ibiremwa byose ndetse n'umurage twahawe n'abasokuruza bacu.

Abandi tuzirikanaho by'umwihariko ni abana batuye mu duce turangwamo amakimbirane n'abantu bose bitangira kubarindira ubuzima no kurengera uburenganzira bwabo. Muri iyi isi, umwana umwe kuri batandatu ahura n'ihohoterwa riturutse ku ntambara cyangwa ingaruka zayo, iyo adahatiwe kwinjira mu ngabo cyangwa ngo abe ingaruzwamuheto y'imitwe ihanganye. Ibikorwa n'abaharanira kurengera agaciro n'icyubahiro cy'umwana bikwiye kutubera indorerwamo y'ejo hazaza heza ku kiremwa muntu.

7. Amahoro ni umushinga mugari

Muri iyi minsi turimo guhimbaza isabukuru y'imyaka 70 habayeyo itangazo mpuzamahanga ry'uburenganzira bwa muntu ryasinywe nyuma y'intambara ya kabiri y'isi yose. Nitwibuke amagambo ya Mutagatifu Yohani wa 23 agira ati « Ubu noneho ubwo umuntu amenye agaciro k'uburenganzira bwe, umutimanama we ugiye kumutera guhora azirikana ku nshingano zижyanye na bwo . Agomba kumenya ko uburenganzira bwe bwite n'icyubahiro cye ari we wa mbere wo kubihesha agaciro, naho abandi bakaba bagomba kumenya ko abufite no kubwubaha ».

Mu by'ukuri, amahoro ni imbuto y'umushinga mugari w'ubuyobozi ushingiye ku bwubahane no ku bwuzuzanye hagati y'abantu. Ariko na bwo akaba ni ihurizo umuntu aba agomba guhangana na ryo ubutarambirwa. Amahoro ni ihinduka ry'umutima na roho, aba ay'umuntu ku giti cye kandi akaba na rusange, arangwa n'imbibi eshatu zidatana ari zo:

- ❖ Amahoro nawe ubwawe, wemera kwihanganira abandi, wirinda umujinya nk'uko Mutagatifu Fransisko wa Sale yabitugiriyemo inama ati « Iyorohere wowe ubwawe » kugira ngo ubashe « korohera abandi ».
- ❖ Amahoro na mugenzi wawe : umuturanyi, inshuti, umunyamahanga, umukene, ubabaye ugatinyuka kumwegera no gutega amatwi ubutumwa agufitiye ;
- ❖ Amahoro n'ibindi biremwa: kuvumbura ubuhangange bw'impano y'Imana n'inshingano buri wese muri twe afite nk'umuntu utuye ku isi, uharanira ejo hazaza hayo heza.

Ubuyobozi buharanira amahoro n'umutimanama uhora uzirikana ko muntu ari umunyantege nke bishobora gutuma abantu twese twifatanya na Bikira Mariya, Nyina wa Yezu Kristu n'Umwamikazi w'amahoro mu ndirimbo ye tugira tuti « *Impuhwe ze zisesekarizwa abamutinya, bo mu bihe byose. Yagaragaje ububasha bw'amaboko ye, atatanya abantu birata; yahanantuye abakomeye abakura ku ntebe zabo, maze akuza ab'intamenyekana.[...]bityo yibuka impuhwe ze, nk'uko yari yarabibwiye abakurambere bacu, agirira Abrahamu n'urubyaro rwe iteka* »(Lk 1, 50-55).

Bikorewe i Vatikani ku wa 8 Ukuboza 2018

Papa Fransisko
